No204 Werurwe 2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## INAMA RUSANGE YASOBANURIWE INGAMBA ZAFASHWE MU GUTEZA IMBERE UBUHINZI

*Kuwa kane, tariki ya 30 Werurwe 2017, ku Biro by'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki, hateraniye inama isanzwe y'Inama Rusange, iyobowe n'Umuvugizi waryo, Madamu KANYANGE Phoebe.*



*Madamu KANYANGE Phoebe, Umuvugizi w'Ihuriro (hagati) ayoboye inama*

Iyi nama yunguranye ibitekerezo kuri Politiki y'ubuhinzi n'ingamba zafashwe zirimo n'inkunga zigamije guteza imbere ubuhinzi binyujijwe mu bigega bitandukanye byashyizweho; ihabwa n'ikiganiro ku Umushinga w'Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agenga Itora rya Perezida wa Repubulika mu 2017; Iyi nama kandi yashyizeho Abagize Biro y'Ihuriro.

Atanga ikiganiro cye, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi, Bwana NSENGIYUMVA Fulgence yagarutse ku ishusho y'urwego rw'ubuhinzi muri iki gihe, ibibazo ruhura nabyo ndetse n'ingamba zashyizweho ziganisha ku iterambere ry'ubuhinzi n'ubworozi mu Rwanda. Yavuze ko mu bibazo uru rwego ruhura nabyo, harimo isuri, imihindagurikire y'ikirere n'Igipimo cy'ishoramari mu rwego rw'ubuhinzi kikiri gito, ugereranyije n'umubare w'abakora ubuhinzi ndetse n'ingengo y'imari idahagije ku iterambere ry'ubuhinzi.



*Bwana NSENGIYUMVA Fulgence, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi*

Inama Rusange yashimye ingamba Leta yafashe mu guhangana n'ibibazo byugarije ubuhinzi, isaba ko ingamba z'igihe kirekire zafashwe zishingira ahanini ku bushakashatsi n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu buhinzi zihutishwa kugira ngo u Rwanda nk'Igihugu rurusheho kwihaza mu rwego rw'ubuhinzi.



*Prof KALISA MBANDA, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora*

Muri iyi nama kandi, Perezida wa Komisiyo y'Igihugu y'Amatora, Prof. KALISA MBANDA yagejeje ku bagize Inama Rusange ikiganiro ku myiteguro y'amatora, cyane cyane ayisobanurira umushinga w'Amabwiriza agenga Itora rya Perezida wa Repubulika mu 2017.

By'umwihariko, yagarutse ku bishya birimo, nk'uburyo bwo kwiyamamaza hakoreshejwe imbuga nkoranyambaga, ibisabwa ku mukandida wigenga kugira ngo asinyishe abashyigikiye kandidatire ye, korohereza abatora bafite ubumuga bwo kutabona no korohereza Abanyarwanda baba mu mahanga gutora. Inama Rusange yashimye intera y'ibyakozwe mu rwego rwo kwitegura amatora, isaba ko hakwiye no kurushaho korohereza Abanyarwanda batorera mu mahanga, bashyirirwaho ibiro by'itora bibegereye.

Ikindi, Inama Rusange yasabye Komisiyo y'Igihugu y'Amatora gukomeza ubukangurambaga ku byiciro byose by'Abanyarwanda yibanda ku rubyiruko cyane ko rugize umubare munini w'abatora. Imitwe ya politiki yiyemeje gukomeza gushishikariza abayoboke bayo n'Abanyarwanda muri rusange kurushaho kwitabira gahunda zose zijyanye n'imyiteguro y'amatora no kuzatora neza.

Mu gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro, Inama Rusange yatoye Hon. MUKAKARANGWA Clotilde, uturuka mu Ishyaka PDC, ku mwanya w'Umuvugizi; na Madamu NDANGIZA Madina, uturuka mu Ishyaka PDI, ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije.



*Abavugizi bashya b'Ihuriro*

Mu bindi, Inama Rusange yagarutse kuri gahunda n'imyiteguro y'Icyumweru cy'Icyunamo cyo kwibuka ku ncuro ya 23 Jenoside yakorewe Abatutsi mu w'1994, ishima ibimaze kugerwaho mu rwego rw'imyiteguro isaba Imitwe ya politiki gukomeza gushishikariza abayoboke bayo kwitabira gahunda zose zijyanye no kwibuka.

## IHURIRO RYAKIRIYE ABASHAKASHATSI MURI ZA KAMINUZA ZITANDUKANYE ZO KU ISI

*Kuwa Kane tariki ya 23 Werurwe 2017 Abashakashatsi bo muri za Kaminuza zo mu bihugu bitandukanye birimo Ubuhorandi, Canada, Leta Zunze Ubumwe z'Amerika n'ibindi, basuye Ihuriro. Uru ruzinduko rwakozwe mu rwego rwo gusura inzego zitandukanye mu Gihugu zifite aho zihuriye no gukomeza kubaka amahoro n'ikemurwa ry'amakimbirane*



Aba bashyitsi bakiriwe na Bwana JIJUKA Zephyrin, mu mwanya w'Umunayamabanga Nshingwabikorwa wari mu yindi nama yabasobanuriye imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'Imitwe ya politiki, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho, ababwira kandi ku bijyanye n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro; aho Ihuriro rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa, anababwira uruhare rwaryo mu gukemura impaka zivutse mu Mitwe ya Politiki cyangwa hagati y'Imitwe ya politiki ariko mu guhe babisabye.

Iri tsinda ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu bwisanzure muri Demokarasi no guha urubuga Imitwe ya politiki myinshi ikagira uruhare mu miyoborere y'Igihugu, bashima kandi uburyo Ihuriro rigira uruhare rugaragara mu kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki mu rwego rwo kuyifasha gukora politiki ishingiye ku bumenyi.

## ABARENGA IGIHUMBI BAMAZE GUHUGURWA MU ISHURI RY'IHURIRO RYIGISHA IBYA POLITIKI N'UBUYOBOZI

*Ibi ni ibyagarutsweho kuri iki cyumweru tariki ya 05 Werurwe 2017 n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki Bwana BURASANZWE Oswald ubwo yafunguraga ku mugaragaro ikiciro cya cumi na kane (14) ishuri ryaryo ryigisha politiki n'ubuyobozi/ Youth political leadership Academy (YPLA) ku rubyiruko rwo mu Intara mu Ntara y'Amajyepfo ruyakurikiranira mu Karere ka Huye.*



*Bwana BURASANZWE Oswald afungura amahugurwa*

Bwana BURASANZWE Oswald yashimye Imitwe ya Politiki yatoranije aba basore n'inkumi abasaba gukoresha neza aya mahirwe, bakurikirana n'umurava amasomo n'ibiganiro byateguwe, cyane ko imbaraga zabo zikenewe mu gukomeza kubaka ubushobozi bw'Imitwe ya politiki. Yabwira uru rubyiruko kandi ko amasomo bazahabwa agamije kubongerera ubushobozi mu bumenyi rusange, politiki n' imiyoborere myiza, abasaba ko yazababera umusemburo mu kwitabira ibikorwa byose bitegurwa n'Imitwe ya politiki baturukamo.

Yagize ati " Imitwe ya politiki yabatoranije kuko yabonaga muzayigirira umumaro ndetse no ku Gihugu; indoto mufite zo kwitabira umwuga wa politiki ni nziza ariko musabwa gukorana umurava mu byo mukora byose kandi mugakunda Iguhugu cyacu."

Yasoje abizeza ko Ihuriro rizakomeza gukora ibishoboka ngo aya mahugurwa agende neza kandi agirire ukamaro abayakurikiye.

Bwana SINDAYIHEBA Fabien, Umukozi w'Ihuriro ushinzwe ikurikirana bikorwa unakurikiranira hafi ishyirwa mu bikorwa ry'iyi Gahunda, yagaragarije uru rubyiruko ibyo basabwa kugira ngo bakurikire neza aya masomo, ibisabwa Ihuriro n'ikigamijwe muri rusange. Aha yabamenyesheje gahunda igenderwaho mu itangwa ry'aya mahugurwa, imyitwaririre y'uyakurikira, ingeri z'amasomo baziga n'ibikoresho ruzahabwa kugira ngo bazakurikire neza aya masomo.



Aya mahugurwa kandi yasozwe ku cyumweru tariki ya 12/03/2017 na Hon. MWIZA Esperance, Umuvugizi Wungirije w'Ihuriro washimye urubyiruko ruyarangije. Yababwiye ko intego nkuru y'aya masomo ari ukurutoza umwuga wa Politiki no kubaha ubumenyi bw'ibanze mu bya politiki n'imiyoborere myiza, avuga ko urwego rwose rushaka kwiyubaka ku buryo burambye rushingira k'urubyiruko, akaba yizera ko Imitwe ya politiki nayo izakoresha neza uru rubyiruko kugira ngo yubake inzego zayo.



Hon. MWIZA yasabye uru rubyiruko kuba umusemburo w'iterambere ry'Imitwe ya politiki yabatoranije, anabibutsa ko ubumenyi baboneye muri aya mahugurwa buzabafasha gutanga umusanzu mu Mitwe ya politiki yabo cyane cyane mu gutanga amahugurwa agenewe abayoboke, ndetse no mu bundi buzima bwa buri munsi bw' Umutwe wa Politiki. Abibutsa kandi ko ibyo baba bateganya kugeraho byose bigomba kuba bigamije guteza abaturage n'Igihugu muri rusange imbere.

Aya masomo yasojwe abayakurikiye bahabwa impamyabumenyi zizagaragariza Imitwe ya politiki yabo ko bayakurikiye neza.



Dr Alfred NDAHIRO, wavuze mu izina ry'abarimu batanga amasomo muri iyi gahunda, yashimye umurava n'ubuhanga aba banyeshuri bagaragaje, abibutsa ko umwuga wa politiki wigwa, abasaba kuzakoresha ubuhanga bahawe cyane cyane ubwo kuvuga (communication skills) kuko umunyapolitiki udafite ubuhanga mu kuvuga, ngo atange neza igitekerezo cye adashobora kugera ku ntego yiyemeje.

Umunyeshuri wari uhagarariye abandi yashimye imitegurire n'imigendekere myiza y'aya mahugurwa; ashima Ihuriro ku masomo yose bahawe, ashima kandi serivisi z'aho yatangiwe n'abakozi b' Ihuriro babafashaga umunsi ku wundi. Yijeje abari aho ko amasomo bahawe azababera intwaro ikomeye yo gukora neza umwuga wa politiki biyemeje. Yasabye ko Ihuriro ryakomeza kubafasha kumenyesha Imitwe ya politiki ko ubuhanga bahawe bwabyazwa umusaruro n'Imitwe ya politiki yabohereje.

